



REPUBULIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA KANAMA 2024

10 Nzeri 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2024

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Kanama 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5% ugereranyije na Kanama 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2024 byari byiyongereyeho 4,9%.

Mu kwezi kwa Kanama 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 19%.

Ugereranyije Kanama 2024 na Kanama 2023, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,6%.

Ugereranyije Kanama 2024 na Nyakanga 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 2,2%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kanama 2024, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,3% ugereranyije na Kanama 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2024 byari byagabanutseho 0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Kanama 2024 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6%.

Ugereranyije Kanama 2024 na Nyakanga 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kanama 2024 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,7% ugereranyije na Kanama 2023. Mu kwezi kwa Nyakanga 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 1,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kanama 2024, ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 19,6%.

Ugereranyije Kanama 2024 na Nyakanga 2024, ibiciro byiyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,4%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2023 kugeza muri Kanama 2024.

Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije													
	2023					2024							
	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka													
Mu mijyi	12,3	13,9	11,2	9,2	6,4	5,0	4,9	4,2	4,5	5,8	5,0	4,9	5,0
Mu byaro	20,8	21,5	14,1	9,6	6,1	1,9	2,1	-1,7	-3,5	-1,6	-1,4	-0,6	-0,3
Mu Rwanda	17,4	18,4	12,9	9,4	6,2	3,1	3,2	0,6	-0,5	1,3	1,1	1,5	1,7
Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi													
Mu mijyi	0,9	3,6	0,3	-1,0	-2,5	-0,1	1,8	1,1	1,4	0,0	-0,4	-0,1	0,9
Mu byaro	1,4	4,3	1,1	-2,4	-5,6	-1,4	3,3	0,5	0,1	-1,6	-0,8	0,9	1,7
Mu Rwanda	1,2	4,0	0,8	-1,9	-4,4	-0,9	2,7	0,7	0,6	-1,0	-0,6	0,5	1,4

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw